P.Augustin Ntagara
Grand Séminaire st.Joseph
Nyundo par Gisenyi B.P. 85
République Rwandaise

Nyundo ce 14 avril 1970

A Monsieur SEBATWARE André
Ministre de l'Intérieur
Et des Affaires Judiciaires
à K I G A L I

A traiter par
Date entrée : 18 APR 1970
N° Enregistrement 1533

/5175.00

avec copie pour information à:

Son Excellence Monsieur le Dr.Grégoire KAYIBANDA
Président de la République Rwandaise
à K I G A L I

Nyakubahwa Bwana Ministre,

Mbere na mbere, ndabaramutse: gir'abana! Aliko kandi ngiye kubanza kubibwira. Nitwa Padiri Augustin Ntagara. Nigisha "Philosophie" mu Seminari Nkuru yo ku Nyundo.

Maze lero Bwana Ministre Nyakubahwa, ikinzinduye nukubatakira. Nzi ko alimwe Umubyeyi wacu Bwana Dr. Grégoire Kayibanda, Président w'u Rwanda, aherutse gushinga umulimo utoroshye aliko kandi mwiza wo kumenya abavuka-Rwanda, n'uwo kubarenganura.

Hambere aha nkuzira i Kigali, tariki ya 11 mars 1970, nitwaje ibyangombwa byose bya Commune n'ibya Prefecture, nje gusaba "passeport" yo kungeza i Bulayi, nkahamara amezi atatu mu biruhuko by'iki.

Uyu munsi ngize ntya mbona igisubizo Umukuru wa "Immigration" anyoherereje ngo: "suite à votre demande de passeport du 11 mars 1970, j'ai le grand regret de porter à votre connaissance que je me trouve dans l'impossibilité de satisfaire à votre demande".

Niwishyira mu mwanya wanjye, urunva ko ali inkuru y'inca-mugongo, kuli jye no ku ncuti z'i Bulayi nali nasezeranyije ko nzanyaruka nkazisura.

Cyakora, ngo ntakabura invano. Kugeza ubu nibwiraga ko ndi "umwere" muli Republika yacu. Ubwo lero nkaba mbasabye rwose kumenyesha icyo nzira gituma banyima ibya ngombwa. Nkaba mbasabye kandi akanya hakili kare, kugirango nzabasiganuze twibonaniye. Bishobotse mwakambonera le 22 avril 1970, kuko ubwo nzaba naje i Kigali. Uwo munsi utabashobokeye, mwampa undi

Ahasigaye, Nyakubahwa Bwana Ministre, mbaye mbashimiye.

Immana ibalinde.

Nijye, Padiri Augustin Ntagara.

P. Aug. Ntagara